

AKARERE KA HUYE

“INDATIRWABAHIZI MAGAZINE” - UKWEZI KWA KANAMA 2025

NYAMUKURU

Umuganura wizihijwe hishimirwa ibyagezwehono gufata ingamba zo kongera umusaruro.

Kwizihiza umunsi w’Umuganura byakozwe mu mirenge yose y’Akarere, bikorerwa ku rwego rw’imidugudu, aho abaturage bahuye bakishimira umusaruro bagezeho. Ku rwego rw’Akarere Umuganura wizihirijwe mu murenge wa Ngoma, akagali ka Kaburemera.

➤➤➤ **Soma birambuye kuri Paji 4.**

Minisitiri w’Ubutegetsi bw’Igihugu yasuye Akarere ka Huye hashimwa iterambere rimaze kugerwaho.

Minisitiri w’Ubutegetsi bw’Igihugu ari kumwe n’abandi bayobozi basuye ibikorwa by’iterambere mu Karere, hishimirwa ibikorwa by’iterambere byegerejwe abaturage.

➤➤➤ **Soma birambuye kuri Paji 10.**

Imikino: Hakoze ubukangurambaga kuri gahunda zitandukanye binyuze mu isiganwa ry’amagare.

Umurenge wa Rwaniro wateguye ubukangurambaga bwo gushishikariza abaturage kwitabira gahunda za Leta zitandukanye. Ubu bukangurambaga bwakozwe hifashishijwe isiganwa ry’amagare ryiswe Tour de Rwaniro.

➤➤➤ **Soma birambuye kuri Paji 13.**

Inama Njyanama y’Akarere yemeje gahunda y’iterambere ry’Akarere ry’imyaka 5.

➤➤➤ **Soma birambuye kuri Paji 3.**



Hagamijwe ubufatanye mu guteza imbere imibereho myiza y'abari abasirikare hakemurwa bimwe mu bibazo bibugarije, hakoze ibiganiro byahuje ubuyobozi bw'Akarere na Komisiyo y'Igihugu yo gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare.



Ubuyobozi bw'Akarere bwagiranye ibiganiro na Komisiyo

Ni ibiganiro byabereye mu Karere ka Huye kuri uyu wa 26 Kanama 2025, aho umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze iterambere ry'Ubukungu KAMANA Andre ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze iterambere ry'imibereho myiza KANKESHA Annonciatha na bamwe mu bagize inama itaguye y'umutekano bakiriye ba Komiseri ba Komisiyo yo gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare bayobowe na Honorable NYIRAHABINEZA Valerie, Perezida wayo.

Bagiranye ibiganiro byibanze ku mikoranire igamije guteza imbere imibereho myiza y'abari abasirikare hakemurwa bimwe mu bibazo bibugarije, nyuma yo kuganira aba bayobozi basuye bamwe mu bagenerwabikorwa muri aka karere.



Komiseri GATABAZI Jean Marie Vianney



Honorable NYIRAHABINEZA Valerie, Perezida wa Komisiyo

Hateranye Inama Njyanama y'Akarere, haganirwa ku ngingo yo kwemeza gahunda y'iterambere ry'Akarere ry'imyaka 5 (District Development Strategies [2024 – 2029]).



Inama Njyanama y'Akarere yemeje gahunda y'iterambere ry'Akarere ry'imyaka 5.

Inama Njyanama yateraniye mu Karere ka Huye kuri utu wa 27 Kanama 2025, iyobowe na Perezida wayo Dr Kagwesage Anne Marie, hagamijwe kwemeza gahunda ya kabiri y'iterambere ry'Akarere.

Muri iyi nama habanje kugaragazwa mu rusange ibyagezweho muri gahunda ya mbere y'iterambere ry'Akarere, herekenwa inshakame y'ibyagezweho muri buri nkingi.

Hanagaragajwe ibizibandwaho muri iyi gahunda ya kabiri y'iterambere ry'Akarere, hagaragazwa inshamake muri buri nkingi ibizibandwaho.

Gahunda ya kabiri y'iterambere ry'Akarere izamara imyaka itanu, aho izava mu mwaka 2024 kugeza mu mwaka wa 2029. Izinda ku nkingi za Guverinoma ari zo ubukungu, imibereho myiza n'iterambere ry'imiyoborere.



Dr Kagwesage Anne Marie, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere



Inama Njyanama y'Akarere yemeje gahunda y'iterambere ry'Akarere ry'imyaka 5.

Kwizihiza umunsi w'Umuganura byakozwe mu mirenge yose y'Akarere, bikorerwa ku rwego rw'imidugudu, aho abaturage bahuye bakishimira umusaruro bagezeho. Ku rwego rw'Akarere Umuganura wizihirijwe mu murenge wa Ngoma, akagali ka Kaburemera.



Hizihijwe umuganura.

Kwizihiza Umuganura byakozwe kuwa 01 Kanama 2025. Igikorwa cyo kwizihiza umuganura mu kagari ka Kaburemera byitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere, abahagarariye inzego z'umutekano n'abandi batandukanye. Kumurika umusaruro, gusangira ibyakomotse ku musaruro w'imbutu zitandukanye no kuganuzabana indyo yuzuye biri mu byakozwe.

Bimwe mu byo abaturage bagaragaje bishimira birimo ibiro by'inyubako y'Akagali ka Kaburemera byavugururwe ku bufatanye n'abaturage; Poste de santé ya Kaburemera; igikoni mbonezamukurire gikora neza, bigafasha ababyeyi guhora bihugura gutegura indyo yuzuye n'ibindi.

Umuyobozi w'Akarere Sebutege Ange yatanze ubutumwa bushishikariza abaturage gukunda Igihugu, kuba umwe, kwitabira umurimo.

Mu butumwa bw'Umuyobozi w'Akarere kandi, yagarutse kuri gahunda yo kurandura igwingira mu bana, kurandura ubukene mu miryango no guca amakimbirane mu miryango, hakubakwa umuryango ushoboye kandi utekanye.

Umuganura wizihijwe kuri iyi nsanganyamatsiko: “Umuganura: Isoko y'Ubumwe n'ishingiro ryo kwigira”.



Mu Karere ka Huye hatangiye amatora y'abagize ihuriro ry'abana kuri buri rwego. Aya matora akorwa hahereye ku rwego rw'Umudugudu kugeza ku rwego rw'Intara, akitabirwa n'abana kuva ku myaka 6 kugeza kuri 17 y'amavuko.



Inama Njyanama y'Akarere yemeje gahunda y'iterambere ry'Akarere ry'inyaka 5.

Kuri uyu wa 28 Kanama 2025, hakozwe amatora ya Komite y'ihuriro ry'abana. Ni amatora yakozwe ku rwego rwa buri mudugudu no ku rwego rw'Akagari. Aya matora yitabirwa n'abana bose kuva ku myaka 6 kugeza kuri 17 y'amavuko.



Hakozwe amatora y'abana guhera ku rwego rw'Umudugudu.

Biteganijwe ko aya matora azakomeza ku nzego zisumbuye, aho kuwa 29 Kanama 2025 hazakorwa amatora ku rwego rw'Umurenge; kuwa mbere 01 Nzeri 2025 hagakorwa amatora ku rwego rw'Akarere na ho kuwa kabiri tariki ya 02 Nzeri 2025 amatora agakorwa ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali.



Abafite ubumuga bo mu karere ka Huye, mu murenge wa Kigoma bahawe inama zibafasha kwiteze imbere binyuze mu kwihangira imirimo bahereye ku byo bashoboye gukora mu rwego rwo kwishakamo ibisubizo by'ibibazo byugarije umuryango nyarwanda.



Abafite ubumuga bahawe inyigisho zibakangurira kwihangira imirimo.

Byagarutsweho mu murenge wa Kigoma kuwa 21 Kanama 2025 mu bukungurambaga kuri gahunda yo kwiteza imbere mu bafite ubumuga, ni igikorwa cyakozwe ku bufatanye n'Ihuri ry'amashyirahamwe y'abafite ubumuga mu Rwanda (NUDOR) cyahujwe no gusoza ku mugaragaro umushinga Dukore Twigire no kwishimira umusaruro wawo mu iterambere ry'abafite ubumuga. Bamwe mu bafite ubumuga baravugaga ko bungukiye byinshi mu kwitinyuka bakihangira imirimo.

HAFASHIMANA Jean Damascene, umujyanama mu Ihuri ry'amashyirahamwe y'abafite ubumuga mu Rwanda (NUDOR) arahamya ko abafite ubumuga nabo bashoboye bityo ko buri wese akanguriwe kwitinyuka agakora ibyo ashoboye.

Yagize ati: “Ubu bukungurambaga bwari bugamije kugaragaza ko n'abafite ubumuga bafite ubushobozi hashingiwe ku byo umuntu ashoboye gukora no kwishakamo ibisubizo, ni ngombwa rero gushigikirwa mu muryango Nyarwanda.”

NUDOR (The National Union of Disability Organizations in Rwanda) ni umuryango uhuza amashyirahamwe y'abafite ubumuga mu Rwanda, washinzwe mu 2010 kugira ngo uhagararire inyungu n'ibibazo by'abafite ubumuga mu gihugu no guteza imbere uburenganzira n'ubushobozi bwabo.

Mu murenge wa Ngoma mu Karere ka Huye hizihijwe Umuganura w'abana, ubera ku Ngoro y'Umurage w'Amateka y'Imibereho y'Abanyarwanda. Ni igikorwa cyitabiriwe n'abana mu bgeri zitandukanye barimo abitabiriye gahunda y'abana mu biruhuko mu ngoro z'umurage.



Hizihijwe umuganura w'abana

Uyu muganura wizihijwe kuwa gatanu tariki ya 29 Kanama 2025. Mu ijamba rye, uhagarariye ababyeyi bafite abana bitabiriye gahunda y'abana mu biruhuko mu ngoro z'umurage, Bwana MURENZI Albert yashimiye intekoyUmuco yateguye iyi gahunda ndetse ikanashyiriraho abana umwanya wo kwizihiza umuganura wabo, yaboneyeho gusaba ko iyi gahunda yagumaho kandi ibyo abana bigishijwe bigakomeza gushyigikirwa bashyirirwaho amarushanwa ajyanye n'uUmurage ndangamuco batizwa mu mpande zose z'igihugu.

Mu ijamba rye, Intebe y'Inteko Amb. Robert Masozera yashimiye abafatanyabikorwa bose bakomeje kugira uruhare muri iki gikorwa kikaba gikomeje kwaguka ndetse yemeza ko kizakomeza.

Mu ijamba rye kandi yagarutse ku bushakashatsi IntekoyUmuco yakoze ku murage ndangamuco w'u Rwanda, ...

... yagaragaje ko ubwo bushakashatsi bwerekanye ko abanyarwanda bangana na 88% ari bo bazi indangagaciro z'umuco nyarwanda mu gihe abangana na 66.8% ari bo bonyine batizwa indangagaciro z'umuco nyarwanda mu muryango. Ubu bushakashatsi kandi bwagaragaje ko indangagaciro yo kwiyubaha no kwihesha agaciro biri mu ndangagaciro z'umuco abanyarwanda bagenda bateshukaho.

Yisunze ubu bushakashatsi yakanguriye ababyeyi n'abafatanyabikorwa kugira uruhare mu kuzamura ibi bipimo hagamijwe kubaka umuryango nyarwanda ugendera ku ndangagaciro z'umuco.

Hamwe n'umuryango "Berulo Foundation", mu murenge wa Kinazi hatangirijwe ku rwego rw'Akarere ubukangurambaga bwise "Murengere Atararenga", bufite intego yo kugarura mu ishuri abana bose baritaye.



Ubukangurambaga bwakozwe binyuze mu mikino

Ni ubukangurambaga bwatangijwe kuwa 4 Kanama 2025, butangirizwa ku rwego rw'Akarere mu murenge wa Kinazi, bukorwa binyuze mu mikino y'umukino w'amaguru mu byiciro by'abahungu n'abakobwa.

Ubukangurambaga bufite intego yo kugarura abana bataye ishuri, kubarinda imirimo ivunanye, ibiyobyabwenge n'ihohoterwa. Ubu bukangurambaga bwatangijwe n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze imibereho myiza Kankesha Annonciatha.

Muri ubu bukangurambaga "Murengere atararenga" bwakozwe binyuze mu mikino y'umupira w'amaguru uhuza utugari mu byiciro by'abahungu n'abakobwa.



Mu Murenge wa Huye hasezeranye Imiryango isaga 200 nyuma yo kumara amezi 6 ihabwa inyigisho z'ibanze ku mibanire y'ingo . Abasezeranye imbere y'amategeko bavuze ko babanaga batizeranye ariko ubu bagiye gushyira hamwe mu kubaka umuryango mwiza.



Umuyobozi w'Akarere yashimiye imiryango yasezeranye byemeye n'amategeko.

Gusezerana ku iyi miryango byabereye mu murenge wa Huye kuwa 7 Kanama 2025, aho iyi miryango yasezeranye ari iyabaruwe yabanaga mu bidakurikije amategeko. Nyuma yo guhabwa inyigisho ku itegeko ry'umuryango n'izindi nyigisho zigenewe abagiye kubaka ingo, iyi miryango yiyemeje kubaka imiryango myiza. Ubu bukangurambaga bwakozwe muri gahunda yo gushishikariza abaturage kubaka umuryango ushoboye kandi utekanye.

Umuyobozi w'Akarere ka ka Huye Sebutege Ange yashimiye imiryango yateye intambwe igasezerana Imbere y'amategeko, aboneraho kubasaba kwirinda amakimbirane ahubwo ko bakwiye guhuriza hamwe mu kubaka imiryango yabo n'Igihugu muri rusange.



Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu ari kumwe n'abandi bayobozi basuye ibikorwa bitandukanye by'iterambere mu Karere, hishimirwa ibikorwa by'iterambere byegerejwe abaturage.



Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yashimye aho aka karere ka Huye kageze mu kugabanya igipimo cy'ubukene

Ni uruzinduko rwakozwe kuwa 12 Kanama 2025, aho abayobozi barimo Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Habimana Dominique; Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu Kayisire Marie Solange na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo basuye Akarere ka Huye, bakirwa n'Ubuyobozi bw'Akarere.

Muri uru ruzinduko basuye ibikorwa bitandukanye by'iterambere byo mu Karere ka Huye. Hasuwe zimwe nganda zirimo izo mu cyanya cyahariwe inganda n'imihanda ya kaburimbo itandukanye yubatswe.

Ibi bikorwa by'iterambere byasuye birimo uruganda rwa Kawa rwa Simbi Coffe; uruganda rukora ibiryo by'amatungo, imihanda ya kaburimbo yubakwa mu cyanya cyahariwe inganda, Laboratwari y'Igihugu ikora imiti (LABOPHAR) n'ibindi bitandukanye.

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yashimye aho aka karere ka Huye kageze mu kugabanya igipimo cy'ubukene cya 15.3%. yabasabye gukomeza gutanga serivisi nziza Ku baturage.

Abayobozi kandi bashimye aho ibyo bikorwa bigeze biteza imbere abaturage, basaba ko hongerwamo imbaraga kugira ngo bizane impinduka zigaragara mu mibereho y'abaturage.



Umuyobozi w'Akarere ka Huye yahaye impanuro amakipe yo mu Karere ka Huye azahagararira u Rwanda mu mikino ngarukamwaka ihuza amashuri yo muri Afurika y'Iburasirazuba (FEASSA) izabera mu gihugu cya Kenya.

Mu gitondo cyo kuwa 09 Kanama 2025 ni bwo Umuyobozi w'Akarere Sebutege Ange yahaye impanuro amakipe ya Petit Seminaire Virgo Fidelis izahagararira u Rwanda mu mikino ya FEASSA u mukino wa Volleyball mu bahungu, hamwe n'ikipe ya Petit Seminaire Baptiste izahagararira u Rwanda mu mikino ya FEASSA mu cyiciro cy'abakobwa mu mukino w'umupira w'amaguru.

Iyi mikino isanzwe ikinwa buri mwaka, aho iy'uyu mwaka izabera mu gihugu cya Kenya.

Umuyobozi w'Akarere Sebutege Ange yabasabye kuzahagararira igihugu neza, bitwara neza muri iyi mikino baharanira gukorera ku ntego yo gutsinda, yabasabye kandi kuzarangwa n'ikinyabupfura nk'uko iri mu ndangagaciro z'umuco nyarwanda. Yabasabye kuzahagararira igihugu neza, bitwara neza muri iyi mikino baharanira gukorera ku ntego yo gutsinda, yabasabye kandi kuzarangwa n'ikinyabupfura nk'uko iri mu ndangagaciro z'umuco nyarwanda.



y'abahungu ya Petit Seminaire Virgo Fidelis izahagararira u Rwanda muri Volleyball, na ho ikipe ya Petit Seminaire Baptiste ihagararire u Rwanda mu mupira w'amaguru mu bakobwa.



Imikino ya FEASSA (Federation of East Africa Secondary School Sports Associations) ni imikino ngarukamwaka ihuza amashuri yo muri Afurika y'Iburasirazuba, akitabirwa n'amashuri yatwaye ibikombe mu bihugu byayo. Ibyo bihugu ni Kenya, Uganda, Tanzania, Rwanda, Burundi, na Sudani y'Epfo.

Muri gahunda y'ukwezi kwahariwe imiyoborere myiza, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo ari kumwe n'abagize inama y'umutekano itaguye y'Intara y'Amajyepfo basuye abaturage bo mu murenge wa Rwaniro, haganirwa kuri gahunda zitandukanye z'iterambere hanakemurwa ibibazo by'abaturage.



Guverineri w'Intara y'Amajyepfo n'abagize inzego z'umutekano basuye umurenge wa Rwaniro baganira n'abaturage

Kuwa 19 Kanama 2025, itsinda ry'ubuyobozi bw'Intara y'Amajyepfo ryobowe na Guverineri, hamwe n'ubuyobozi bw'Akarere ka Huye, ryasuye abatuye mu kagari ka Nyaruhombo ko mu murenge wa Rwaniro mu nteko y'abaturage yahuje abatuye aka Kagari.

Abayobozi baganirije abitabiriye Inteko kuri gahunda zirimo gukora cyane &kwiteza imbere, kwirinda amakimbirane mu miryango, gusigasira umutekano muri rusange, gutegura neza igihembwe cy'ihinga n'izindi gahunda z'iterambere. Muri iyi nteko y'abaturage hanakiriwe ibibazo by'abaturage kandi birakemurwa.



Umurenge wa Rwaniro wateguye ubukangurambaga bwo gushishikariza abaturage kwitabira gahunda za Leta zitandukanye. Ubu bukangurambaga bwakozwe hifashishijwe isiganwa ry'amagare ryiswe Tour de Rwaniro.



Tour de Rwaniro yitabiriwe n'ibyiciro by'abahungu n'abakobwa.

Ubu bukangurambaga bwakozwe kuwa 29 Kanama 2025, bwitabirwa n'abaturage mu byiciro bitandukanye.

Mbere y'irushanwa, umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze iterambere ry'ubukungu Kamana André hamwe n'Umuyobozi wa Polisi mu Karere ka Huye batanze ubutumwa ku ngingo zirebana n'isuku, gukora no kwiteza imbere, kwirinda inda zitateganijwe mu bangavu, kwitegura neza igihembwe cy'ihinga 2026A, kwirinda ibiyobyabwenge mu rubyiruko, kwitegura neza itangira ry'amashuri, ...

Ubu bukangurambaga bwahujwe no gusozza gahunda yo kwita ku rubyiruko mu biruhuko.

Iri siganwa ry'amagare ryakozwe ryitabiriwe n'ibyiciro by'abakobwa n'abahungu.

Muri ubu bukangurambaga kandi hatanzwe serivise zo gupima indwara zitandura no gufasha abaturage muri gahunda zitandukanye zirimo iz'ubutaka, imyubakire, irangamimerere, ...

Abagsiganwe muri Tour de Rwaniro bahabwe ibihembo birimo amagare, amafaranga n'ibikoresho by'isuku n'isukura.



IMBUGA ZACU:

 info@huye.gov.rw

 www.huye.gov.rw

   HuyeDistrict

 4056

 BP 35 Butare

Byanditswe & Bitunganywa na :

BONEZIMANA Emmanuel

+250788679624

Public Relations & Communication